Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Kanama / August 2020 *Ikinyarwanda*

Yikubita hasi arasenga!

(Mk 14,35)

Wukureho!
Pick it up!

Nshuti bakunzi b'ijambo,

Mbere gato y'uko mfata indenge insubiza imuhira, hari hasigaye akanya gato ku gutembera. Nagiye ku musozi muto wari hafi aho hamwe n'abandi bajene babiri, aho twashoboraga kureba ibyiza bitatse aho hantu turi ahirengeye ku musozi. Ubwo twafatanga inzira dutaha, twabonye imbere yacu ibice by'ibirahure ndetse n'amacupa ya plastike byari byandagaye aho hose. Umukobwa umwe twari kumwe, atazuyaje atangira gukusanya iyo myanda ndetse yiyemeza kuyitwara ibirometero n'ibirometero aho yashoboraga kubona aho ayijugunya habugenewe. Iki gikorwa kidasanzwe ku muntu ukiri muto cyankoze ku mutima. Ni kangahe njyewe ubwanjye nakoze igikorwa nk'icyo nkiyemeza gukuraho umwanda wandagaye nkawushyira aho ugomba kujya. Iteka ntekereza Maruška, wamfashije kumva neza ijambo Papa Fransisko yigize kuvuga. "Igihe cyose tuzumva hari ikintu kiduhuza n'ibiriho byose, nta kabuza hazavubuka muri twe kwishimira ibyo dufite ndetse no kwihatira kubyitaho."

Ni kenshi Yezu ubwe yicishije bugufi kuri iyi si ndetse akemera gutungwa na yo. Igihe inshuti ye Lazaro yapfaga yasutse amarira y'umubabaro ku butaka. Mbere gato y'uko ibabara rye ritangira yapfukamye hasi arwanirira gukora ugushaka kwa Se. Iminsi itatu yose yaruhukiye mu nda y'iyi si. Iyi si nti ntagatifu!

Ni nde wapima ingano y'amarira yamenwe ku butaka bw'iyi si, na benshi bihebye? Angana gute amarira iyi si yo ubwayo imena, igihe ikoreshejwe nabi, yandujwe cyangwa irozwe? – Twige bundi bushya gutega amatwi ugutabaza kwayo. Twige, - nk'ibiremwa- iyi si yacu kuyibona nk'ikiremwa ndetse no kuyifata nk'ikiremwa. Iyo umuntu yitaye kuri iyi si abigiranye ubwuzu, agira amahoro hamwe na yo ndetse na we ubwe. Dutangire- buri munsi iteka mu dukorwa duto. Hamwe na Maruška, muri uku kwezi duhagurukire kurwanya umwanda mwinshi uremerera isi yacu ukanayanduza. **Wukureho! – Pick it up!**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker